# AKAZI




# Abashaka....

Waba ukeneye akazi?

*Ikigo gitoza umurimo ni ahantu ho gutangirira!*





Ese ukeneye kongera ubumenyi cyangwa ibyangombwa?

*Ihuriro ryacu ry'abafatanyabikorwa rishobora gufasha!*

Waba warahoze mu gisirikari?

*Abahoze mu gisirikari bahabwa amahirwe bwa mbere muri serivisi zose z'ibigo bitoza umurimo.*




## Intangiriro:

Ikigo gitoza umurimo ni ahantu ho gutangirira mu gihe uri gushaka akazi bwa mbere, akazi keza_ cyangwa umwuga mushya. Ni ahantu kandi ushobora kubona amakuru ku mahugurwa n'inyigisho imbonankubone cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Ibigo bitoza umurimo bikora amamurikagurisha y'akazi n'ibikorwa byo gushaka abakozi buri munsi.

## Serivisi z'ikigo gitoza umurimo

### Ubufasha mu gushaka akazi:

Ibigo bitoza umurimo bitanga urutonde rw'imirimo itandukanye iri hirya no hino muri leta ya Maine. Umuyoboro wa JobLink w'ubuhuza mu kazi wa Maine uzaguha amahirwe ku mirimo ibihumbi n'ibihumbi iri gutangira kandi unaguhuze n'akazi uri gushaka.

Maine JobLink CareerCenter
A proud partner of the americanjobcenter network

### Ikigo cy'amakuru:

Ibigo by'amakuru y'ikigo gitoza umurimo bitanga uburyo bwo kugera ku bikoresho bitandukanye byagufasha gushaka-ibyo byose nta kiguzi! Telefoni, mudasomwa, n'imashini zifotora birahari ngo bigufashe mu gushakisha akazi, hamwe n'amakuru no kugera ku ihuriro ry'abafatanyabikorwa bacu muri leta yose

### Amahugurwa:

Ibigo bitoza umurimo bitanga amahugurwa menshi nta kiguzi. Hamagara ku biro byo mu karere utuyemo uyu munsi, cyangwa usure urubuga rwacu kugira ngo ureba amahugurwa atangwa.

### Abahoze mu gisirikari:

Waba warahoze mu gisirikari? Serivisi z'abahoze mu gisirikari zirahari ahantu hose mu leta muri sisiteme z'ikigo gitoza umurimo.

### Amahugurwa mu myuga:

Ibigo bitoza umurimo bitanga amahugurwa yo gufasha abakiriya bujuje bimwe mu byangombwa bisabwa. Ubufasha bw'ikiguzi cy'amahugurwa hamwe na serivisi z'ingoboka bishobora kuboneka.

Kuri interineti
VUGANA NATWE AKO KANYA

### Ibigo bitoza umurimo bya Maine

www.mainecareercenter.gov
MaineDOL.CareerCenter@maine.gov
207-623-7981 | Abafite ubumuga bwo kutumva no kutavuga bahamagara umurongo wa Maine wa 711

MAINE DEPARTMENT OF LABOR

Ishami rya Maine ry'umurimo ritanga amahirwe angana mu murimo na gahunda. Inkunga y'ingoboka na serivisi biraboneka iyo babisabye ku bantu bafite ubumuga.

02/23